

UBUGENI N'UBUKORIKORI IGITABO CY'UMWARIMU

**UMWAKA WA GATUTU
W'AMASHURI ABANZA**

Kigali, Mutarama, 2019

© Ikigo Gishinzwe guteza Imbere Uburezi mu Rwanda (REB)
Uburenganzira bwa nyiri iyi nyoborabarezi bugomba kubahirizwa.

IJAMBO RY'IBANZE

Barimu, barezi,

Ikigo Gishinzwe Guteza Imbere Uburezi mu Rwanda kinejejwe no kubagezaho igitabo cy'Ubugeni n'Ubukorikori cy'Umwarimu, kigenewe umwaka wa Gatatu w'amashuri abanza. Iki gitabo kizabafasha mu myigishirize ishingiyeye ku bushobozi bw'umunyeshuri mu kunoza imyigishirize y'ibiteganijwe. Intego u Rwanda rufite mu burezi ni ugukora ku buryo umunyeshuri agera ku rwego rushimishije rujyanye n'ikigero arimo. Ibyo bigamije gutegurira abanyeshuri gukoresha neza amahirwe y'akazi aboneka mu muryango nyarwanda.

Mu rwego rwo kuzamura ireme ry'uburezi, Guverinoma y'u Rwanda ishyira imbaraga mu gutegura imfashanyigisho zijyanye n'integanyanyigisho kugira ngo bifashe abanyeshuri mu myigire yabo. Hari impamvu nyinshi zituma abanyeshuri biga, ibyo bize bikabaha ubushobozi bwo gukora. Muri zo twavugaga ibyigwa biteguye neza, abarimu beza, uburyo bw'imyigishirize, uburyo isuzuma rikorwa ndetse n'imfashanyigisho zateguwe.

Muri iki gitabo, twitaye cyane ku myitoto ifasha abanyeshuri mu myigire yabo. Iyo myitoto bayubakiraho batanga ibitekerezo ndetse banivumburira udushya, binyuze mu bikorwa bifatika bikorwa na buri wese ku giti ke cyangwa bari mu matsinda mato. Iyo myitoto ibafasha kandi kwimakaza indangagaciro zizatuma haboneka ubudasa kuri bo ubwabo ndetse no ku Gihugu muri rusange. Bafashijwe n'abarimu abanyeshuri bazunguka ubushobozi bushya bazifashisha mu buzima bwabo buri imbere.

Mu nteganyanyigisho ishingiyeye ku bushobozi, imyigire yubakiye ku munyeshuri, aho ategurirwa ibikorwa bimwinjiza mu isomo, bikamufasha kwiwungura ubumenyi, kongera ubushobozi ndetse no kwimakaza indangagaciro zikwiye. Ibi bitandukanye n'imyigire ya kera yari ishingiyeye ku bumenyi gusa, aho umwarimu yafatwaga nk'uzi byose. Ikindi kandi, ubu buryo buzafasha abanyeshuri gukora ibikorwa bitandukanye, batekereza ku byo bakora kandi banakoresha ubumenyi basanganwe muri icyo myigire. Ni muri urwo rwego, mu mikoreshereze y'iki gitabo, mukwiye kwita kuri ibi bikurikira:

- Gutegura isomo n'imfashanyigisho ziboneye.
- Gushyira abanyeshuri mu matsinda mwita ku bushobozi bwa buri wese, ntumukore amatsinda y'abahanga gusa cyangwa ay'abadakurikira neza gusa.
- Guha abanyeshuri uruhare mu myigire yabo bajya impaka mu matsinda, bakorera imyitoto mu matsinda cyangwa buri wese ku giti ke kandi bakora ubushakashatsi.
- Gutegurira abanyeshuri uburyo buzamura ubushobozi bwabo mukoresheje imyitoto ituma batekereza byimbitse, bakemura ibibazo, bakora ubushakashatsi, bahanga udushya kandi babasha gusabana, gukorera hamwe no kubana n'abandi.
- Gufasha no koroshya uburyo bw'imyigire muha agaciro imyitoto abanyeshuri bakorera mu ishuri.

- Kuyobora abanyeshuri mu guhuza ibyo bakoze.
- Gushyigikira imyitozo yakorewe mu ishuri na buri munyeshuri ku giti ke, mu matsinda mato ndetse no mu matsinda magari no gukoresha isuzuma rishingiye ku bushobozi hakoreshejwe uburyo buboneye bwo gusuzuma.

Mu kuborohera kwigisha amasomo yanyu, ibigize iki gitabo cy’umwarimu birasobanuye kugira ngo mugikoreshe ku buryo bworoshye. Iki gitabo kigizwe n’ibice bitatu:

Igice cya mbere : Gisobanura imiterere y’igitabo n’uburyo bukoreshwa mu kwigisha.

Igice cya kabiri : Kigizwe n’ingeri z’imiteguro y’amasomo atandukanye.

Igice cya gatatu : Kerekana uko buri somo riri mu iki gitabo cy’umwarimu ryigishwa.

Ndashimira cyane abantu bose bagize uruhare mu myandikire y’iki gitabo, by’umwihariko abakozi b’Ikigo Gishinzwe Guteza Imbere Uburezi mu Rwanda (REB) bagize uruhare muri iki gikorwa kuva gitangiye kugeza kirangiye. Ndashimira byimazeyo kandi abarimu bitabiriye iki gikorwa. Habaye hari ubundi bwunganizi ku byanzwe muri iki gitabo twabyakira kugira ngo bizifashishwe mu ivugurura ry’ubutaha.

Dr. NDAYAMBAJE Irénée

Umuyobozi Mukuru w’Ikigo Gishinzwe Guteza Imbere Uburezi mu Rwanda/REB

GUSHIMIRA

Ndashimira mbikuye ku mutima abantu bose bagize uruhare mu itegurwa ry'igitabo cy'Ubugeni n'Ubukorikori cy'Umwarimu, umwaka wa Gatatu w'amashuri abanza. Ntabwo iki gitabo cyashoboraga kwandikwa uko bikwiye, iyo hatabaho uruhare rw'abafatanyabikorwa banyuranye mu burezi.

Ndashimira abarimu bigisha mu mashuri yisumbuye, kaminuza n'abandi bitanze batizigamye kugira ngo iki gitabo gishobore kwandikwa.

Ndashimira kandi abashushanyije amashusho yakoreshejwe muri iki gitabo.

By'umwihariko, ndashimira Kaminuza y'u Rwanda, Ishami ry'Ubugeni no Gutunganya Amashusho yatanze abahanga bakoze umurimo ukomeye wo gutunganya iki gitabo.

Ndangije nshimira abakozi b'Ikigo Gishinzwe Guteza Imbere Uburezi, cyane cyane abo mu Ishami ry'Integanyanyigisho n'Imfashanyigisho bagize uruhare rukomeye muri uyu mushinga wo kwandika ibitabo.

Joan Murungi,
Umuyobozi w'Ishami ry'Integanyanyigisho n'Imfashanyigisho

ISHAKIRO

IJAMBO RY'IBANZE	iii
GUSHIMIRA.....	v
ISHAKIRO.....	vi
IGICE CYA MBERE : INTANGIRIRO.....	viii
1.0 Ibyerekeye iyi nyoborabarezi	viii
1.1. Imyigire n'imyigishirize	x
IGICE CYA II. IMBATA Y'ISOMO	xviii
IGICE CYA GATATU :	xxii
IMITWE IGIZE NYOBORABAREZI.....	xxii

UMUTWE WA MBERE : GUSHUSHANYA NO GUSIGA AMABARA IBITAYEGA N'IBIDUKIKIJE 1

1.1. Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe	1
1.2. Ubushobozi shingiro	1
1.3. Ingingo nsanganyamasomo zigaragara mu mutwe	1
1.4. Uburyo bwo gutangira umutwe	1
1.5. Urutonde rw'amasomo.....	2
Isomo rya 1 : Gushushanya no gusiga amabara amashusho atandukanye	3
1.6. Isuzuma risoza umutwe wa 1.....	11
1.7. Imyitozo y'inyongera.....	11

UMUTWE WA KABIRI: GUTERA AMASHUSHO KU BINTU 13

2.1. Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe.....	13
2.2. Ubushobozi shingiro	13
2.3. Ingingo nsanganyamasomo zigaragara mu mutwe	13
2.4. Uburyo bwo gutangira umutwe.....	13
2.5. Urutonde rw'amasomo	14
2.6. Isuzuma risoza umutwe wa 2	20
2.7. Imyitozo y'inyongera	20

UMUTWE WA GATATU: AMASHUSHO MU MUBYIMBA UFATIKA .. 21

3.1. Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe	21
3.2. Ubushobozi shingiro.....	21
3.3. Ingingo nsanganyamasomo zigaragara mu mutwe	21
3.4. Uburyo bwo gutangira umutwe.....	21
3.5. Urutonde rw'amasomo.....	22

3.6. Isuzuma risoza umutwe wa 3	26
3.7. Imyitoto y'inyongera	26
UMUTWE WA KANE: UBUBOSHYI HIFASHISHWA IBIKORESHO BIBONEKA AHO ATUYE	27
4.1. Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe	27
4.2. Ubushobozi shingiro.....	27
4.3. Ingingo nsanganyamasomo zigaragara mu mutwe	27
4.4. Uburyo bwo gutangira umutwe.....	27
4.5. Urutonde rw'amasomo	28
4.6. Isuzuma risoza umutwe wa 4.....	32
4.7. Imyitoto y'inyongera	32
UMUTWE WA GATANU : IBIKINISHO N'IREMEKANYA RY'IBINTU .	33
5.1. Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe	33
5.2. Ubushobozi shingiro.....	33
5.3. Ingingo nsanganyamasomo zizitabwaho	33
5.4. Uburyo bwo gutangira umutwe.....	33
5.5. Urutonde rw'amasomo	34
Isomo rya 1: Iremekanya ry'ibintu binyuranye hakorwa amashusho	35
Isomo rya 2: Gukora ibikinisho biftanye isano n'ibidukikije	37
5.6. Isuzuma risoza umutwe wa 5:.....	38
5.7. Imyitoto y'inyongera	38
UMUTWE WA GATANDATU: GUFUMA IMITAKO KU MYENDA	39
6.1. Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe	39
6.2. Ubushobozi shingiro.....	39
6.3. Ingingo nsanganyamasomo zizitabwaho	39
6.4. Uburyo bwo gutangira umutwe.....	39
6.5. Urutonde rw'amasomo	40
Isomo rya 3: Uburyo bwo gufuma hifashishijwe amashusho yo	
..... mu bidukikije	44
6.6. Isuzuma risoza umutwe wa 6	45
6.7. Imyitoto y'inyongera	45
IBITABO BYIFASHISHIJE	46

IGICE CYA MBERE : INTANGIRIRO

1.0 Ibyerekeye iyi nyoborabarezi

Iki gitabo ni inyoborabarezi izafasha umwarimu wigisha isomo ry’ubugeni mu mwaka wa gatatu w’amashuri abanza. Ni igitabo kizafasha umwarimu gushyira mu bikorwa imyigishirize ishingiye ku bushobozi, by’umwihariko mu isomo ry’ubugeni. Nk’uko izina ryacyo ribivuga, ni inyoborabarezi yafasha umurezi gutegura amasomo ye. Umwarimu ashobora guhitamo gukoresha urugero rw’imbata y’isomo iri muri iyi nyoborabarezi ariko anitezweho ubushobozi bwo kuba yahanga irenzeho. Cyangwa akagira ubundi buryo ategura isomo rye bitewe n’imiterere yihariye y’isomo cyangwa se y’ishuri.

Imiterere y’inyoborabarezi

Iki gice kiragaragaza imiterere rusange y’iyi nyoborabarezi, imiterere y’umutwe n’imiterere y’isomo byafasha umwarimu kumva uduce dutandukanye tw’iyi nyoborabarezi n’ibyo azagenda ahura na byo muri buri gace.

Imiterere rusange y’inyoborabarezi

Iyi nyoborabarezi igizwe n’ibice bitatu by’ingenzi bikurikira :

Igice cya mbere : intangiriro

Iki gice kiyobora muri rusange mu guteza imbere ubushobozi nsanganyamasomo, uburyo bwo guhuza ingingo nsanganyamasomo n’isomo, uko umwarimu yafasha abafite ubumuga, kwita ku buryo bw’imyigishirize buha uruhare umunyeshuri wiga isomo ry’ubugeni, n’ibyerekeye isuzuma.

Igice cya kabiri : urugero rw’imbata y’isomo

Iki gice kiragaragaza urugero rw’imbata y’isomo yateguriwe gufasha umwarimu gutegura izindi mbata z’amasomo.

Igice cya gatatu : imiterere y’umutwe

Buri mutwe ugizwe n’uduce dukurikira :

- **Izina ry’umutwe:** riboneka mu nteganyanyigisho
- **Ubushobozi bw’ingenzi bugamijwe:** buboneka mu nteganyanyigisho
- **Ubushobozi shingiro (ubumenyi, ubumenyingiro n’ubukeshya)**

Aka gace kavuga ku bumenyi, ubumenyingiro n’ubukeshya bigaragara mu mutwe. Ubushobozi shingiro bugenda bwigaragaza hagati mu mutwe y’amasomo no mu masomo nyirizina. Umwarimu azabona ibigaragaza ubushobozi shingiro n’ibyamuyobora mu kubihuza n’amasomo atandukanye.

Ingingo nsanganyamasomo zigomba kwitabwaho

Aka gace kagena ingingo nsanganyamasomo zishobora kuboneka mu mutwe w’isomo. Ibiri muri aka gace ni inyunganizi, umwarimu afite uburenganzira bwogufata iyindi ingingo nsanganyamasomo bitewe n’imiterere y’imyigishirize. Ingingo nsanganyamasomo

zizitabwaho ni nk'uburinganire bw'ibitsina byombi mu gihe umwarimu akora amatsinda. Nko kwimakaza umuco w'amahoro byagaragara igihe abana baja impaka cyangwa bungurana ibitekerezo ku byo bashushanyije.

Umuco wo kugira isuku no kunoza umurimo nawo wagaragarira mu kugenzura ko ntaho abanyeshuri banduje mu gihe basigaga amarange, ko nta bikoresho basize mu nzira byandagaye, ko babisukuye bakanabibika neza.

Ibyerekeye uburyo bwo gutangira umutwe

Buri mutwe w'isomo utangirana igikorwa mvumburamatsiko. Mu gutangira umutwe uwo ari wo wose umwarimu agomba kuvumbura amatsiko y'abanyeshuri akabatera inyota yo kumva bashatse kumenya byinshi biwerekeyeho.

Urutonde rw'amasomo

Ni agace kagaragaza imbonerahamwe y'amasomo ari mu mutwe w'isomo, intego za buri somo ziva mu nteganyanyigisho n'igihe buri somo rizamara. Nyuma yo kugaragaza ibyo niho amasomo akubiye mu mutwe atangira.

Umusozo wa buri mutwe

Ku musozo wa buri mutwe iyi nyoborabarezi iteganya uduce dukurikira:

- Isuzuma risoza umutwe rigizwe n'ibibazo ku byizwe muri uwo mutwe bigamije gusuzuma intera n'ubushobozi abanyeshuri bagezeho
- Imyitozo y'inyongera ni imyitozo ifasha kumvikanisha neza isomo, igakarishya ubumenyi n'ubushobozi by'abanyeshuri bafata vuba. Mu myitozo y'inyongera kandi habamo ifasha abanyeshuri bagenda buhoro kugira aho bava n'aho bagera.

Imiterere ya buri somo

Buri somo rigizwe n'uduce dukurikira:

Isomo rya

a. Intego zihariye

b. Imfashanyigisho

c. Uko isomo ritangwa

- Ubushobozi shingiro/isubiramo/n'intangiriro y'isomo rishya

Aka gace gaha umwarimu amabwiriza asobanutse y'uko yatangira isomo.

- Imfashanyigisho

Aka gace gateganya ibikoresho umwarimu ashobora kwifashisha mu gutanga isomo kugira ngo agere ku ntego zaryo. Abarimu barashishikarizwa gusimbuza ibikoresho byagenwe n'iyi nyoborabarezi ibikoresho biboneka aho batuye.

- Isomo nyirizina

Aka gace kagaragaza incamake y'uburyo isomo nyirizina rigomba gutangwa rigasozwa n'isuzuma.

1.1. Imyigire n'imyigishirize

1.1.1. Guteza imbere ubushobozi

Guhera mu mwaka wa 2015 mu mashuri y'inshuke, abanza n'ayisumbuye, u Rwanda rwasezereye imyigire n'imyigishirize yari ishingiyeye ahanini ku bumenyi, rwinjira mu myigire n'imyigishirize ishingiyeye ku bushobozi bukomatanya ubumenyi, ubumenyingiro n'ubukeshya. Bityo imyigire n'imyigishirize yahaga umwarimu umwanya munini isimburwa n'imyigire n'imyigishirize iha abanyeshuri uruhare runini. Ni imyigire iha umunyeshuri ubumenyi, ubumenyingiro n'ubukeshya bimufasha gushyira mu bikorwa ibyo yize no gutanga ibisubizo by'ibibazo ahura na byo mu buzima bwe n'ubw'abandi.

Inyigisho y'Ubugeni n'Ubuhanzi ishingiyeye ku bumenyingiro isaba cyane abanyeshuri gukora ibikorwa bitandukanye. Mu myigire ishingiyeye ku bushobozi, abanyeshuri ni bo bahabwa uruhare runini mu myigire yabo. Umwarimu ahera ku byo abanyeshuri basanzwe bazi kandi bafitiye ubushobozi, akabafasha kuvumbura ibindi bungurana ibitekerezo mu matsinda yabo. Iyo abanyeshuri bakorera mu matsinda, umwarimu agenda abayobora atanga ubufasha ku babukeneye. Iyo barangije kungurana ibitekerezo mu matsinda, bamurika ibyo bagezeho, nyuma bagafatanyaga n'umwarimu kunonosora iby'ingenzi basigarana.

Ubushobozi nsanganyamasomo	Urugero rw'ibikorwa byazamuraga ubushobozi nsanganyamasomo mu isomo ry'ubugeni
Ubushishozi no gushakira ibibazo ibisubizo	Ubushishozi bugaragara nk'igihe abanyeshuri bashushanya ibyo bareba imbere yabo.
Guhanga udushya	Guhanga udushya bizagaragara igihe umunyeshuri ashushanya, asiga, aboha cyangwa abumba ibyo yitekerereje.
Ubufatanye, imibanire ikwiye n'abandi n'ubumenyi ngiro mu buzima bwa buri muni	Ubufatanye nk'igihe bari gukorera mu matsinda, basangira ibikoresheho bimwe na bimwe, igihe badoda imishono inyuranye, byose ni ubumenyingiro mu buzima bwa buri muni.
Gusabana mu Kinyarwanda abanyeshuri bimenyereza kunoza imikoreshehereze y'ururimi rwigwamo.	Kujya impaka no kungurana ibitekerezo: abanyeshuri bunganirana bajya impaka bikabafasha gusabana no kunoza ururimi bigamo. Ariko rimwe na rimwe hashobora kubaho kuvunda iyo umwarimu atabikurikiranye.

Kwiga no guhora yiyungura ubumenyi	Igihe bishoboka mu kwiga no guhora biyungura ubumenyi abanyeshuri bashobora gutegurirwa ingendoshuri mu nzu ndangamurage, mu nzu z'ubugeni cyangwa amashuri y'ubugeni, mu macapiro, mu masomero n'ahandi.
Ingingo nsanganyamasomo	Urugero rw'aho ingingo nsanganyamasomo zishobora kugaragara mu isomo ry'ubugeni
Uburezi budaheza	Nk'igihe abanyeshuri bazaba batera amashusho bakoresheje ibiganza. Ubatabifite yateresha ikirenge. Nk'igihe bazaba basiga amarange utabona yabumba.
Uburinganire n'ubwuzuzanye bw'ibitsina byombi	Nko gufuma wasangaga biharirwa igitsina gore. Ariko mu masomo yo gufuma n'abahungu bazabyiga. Gukora nk'ibikinisho usanga abakobwa batabyitaho, ariko amasomo abigenewe azabafasha kubimenya.
Umuco w'amahoro	Umuco w'amahoro ugaragara igihe bungurana ibitekerezo mu mahoro, nta muvundo.
Ubuziranenge	Ubuziranenge bugaragara igihe abanyeshuri bahitamo ibishushanyo byiza kurusha ibindi.
Kubungabunga ibidukikije	Bikorwa mu gihe abanyeshuri bashushanya ibimera batabiranduye, no mu gihe bakoresha ibikoresho biboneka aho batuye hatabayeho kwangiza ibidukikije.
Uburere mbonezabukungu	Bugaragara igihe abanyeshuri bakoresha ibikoresho biboneka aho batuye batagombye gusesagura umutungo bagura ibihenze.

1.1.2. Kwita ku banyeshuri bafite ibyo bagenerwa byihariye mu myigire

Mu ishuri, umwarimu asabwa kwita ku bafite ibibazo byihariye kugira ngo bashobore kujyana n’abandi. Umwarimu akora ku buryo yandika ku kibaho imyitozo ikorwa kugira ngo abafite ubumuga bwo kutumva bayisome. Iyo umwarimu asoma, arangurura ijwi kugira ngo afashe abatumva neza ndetse n’abafite ubumuga bwo kutabona. Abatumva neza umwarimu abicaza hafi, akabasaba kumureba avuga, agakoresha ibishushanyo aho bishoboka hose, agakoresha ibimenyetso n’amarenga uko abishoboye.

Abatabona neza abicaza akurikije imiterere y’ubumuga bwo kutabona bafite, baba abarwaye imbonahafi cyangwa indenzambono. Bityo abafite imbonahafi abicaza hafi, naho abafite indenzambono akabicaza mu myanya y’inyuma. Abafite ubumuga bw’ingingo z’umubiri, umwarimu abashakira umwanya bicaramo ubafasha mu myigire yabo. Arabareka bagakorana n’abandi banyeshuri kandi akabatera umwete mu byo bagenda bageraho n’imbaraga bakoresha.

Abafite ubumuga bwo mu mutwe umwarimu atangira abafasha mu byo bakora ariko gahorogahoro akagenda agabanya ubufasha abagenera. Umwarimu arabareka bagakorana n’abandi banyeshuri kandi akabatera umwete mu byo bagenda bageraho n’imbaraga bakoresha.

Abagenda buhoro mu myigire yabo bagomba gushyirwa mu matsinda y’ababyumva kurusha abandi kugira ngo babazamure, kandi umwarimu akabibandaho ababaza n’iyo baba batateye urutoki kugira ngo basubize. Bahabwa kandi imyitozo yihariye ituma bazamura ubushobozi bwabo.

1.1.3. Ibyerekeye isuzuma

a. Imiterere y’ibigomba gusuzumwa mu nyigisho y’Ubugeni

Isuzuma ry’inyigisho y’Ubugeni rigizwe n’ibice bine by’ingenzi:

- Kumva no gusesengura igishushanyo, cyangwa ikindi gihangano
- Amabara
- Ubumenyi rusange bw’ubugeni
- Ihimba ry’umwimerere

Mu bugeni mberajisho n’ubugeni mberabyombi, imyinshi mu myitozo y’isuzuma igomba gufasha abanyeshuri gukoresha impano bifitemo n’uburyo bw’ibanze bungutse. Imyitozo yo gushushanya iyo ari yo yose igomba kwitabwaho kimwe n’iyo gutinyura abanyeshuri, bityo bigahura n’ihame ko bagomba kwigira ariko nanone bakiyigisha. Mu myigishirize yo gushushanya, imyitozo y’isuzuma izaba ishingiyeye ku gushushanya no kwandika. Buri ntego igomba kugira isuzuma, mu ntera zose zituma igerwaho. Isuzuma rero rihoraho mu nyigisho (imikoro, amarushanwa, ibizami n’ibindi).

b. Ibyerekeye imyitozo y’inyongera

Ni imyitozo ifasha abanyeshuri kumva neza isomo hitawe ku bushobozi bwa buri wese.

1.1.4. Uburyo bunyuranye abanyeshuri bafatiramo amasomo

Hari uburyo butandukanye bw’imyigishirize n’uburyo bwo kuyigiraho. Guhitamo uburyo bw’imyigishirize bigomba kwitonderwa cyane kandi hari ibigomba kwitabwaho nk’umwihariko w’amasomo, ubwoko bw’amasomo, intego zayo, imfashanyigisho, uburyo abanyeshuri bicaye mu ishuri, ibikenewe kuri buri munyeshuri, ubushobozi bwe n’uburyo bwe bw’imyigire.

Hari uburyo bune bw’imyigire y’abanyeshuri busobanurwa mu buryo bukurikira:

a. Abanyeshuri b’umurava n’abanyeshuri b’abasesenguzi

Abanyeshuri b’umurava basobanukirwa neza ikintu iyo bakiganiraho, bagishyira mu bikorwa cyangwa bagisobanurira abandi. Naho abanyeshuri b’abasesenguzi bo basobanukirwa ikintu ari uko babanje kugitekerezaho cyane.

b. Abanyeshuri bagendera mu murongo umwe n’abanyeshuri b’abacukumbuzi:

Aba ba mbere bakunda ibintu bifatika. Bakemura ibibazo banyuze mu nzira zagenwe (ntibakunda ibibagora) mu gihe ab’abacukumbuzi bakunda guhanga ibishya kandi bakanga gusubira mu bintu bimwe.

c. Abanyeshuri bitegereza n’abanyeshuri babwirwa

Abanyeshuri bitegereza bagaragazwa no kwibuka neza ibyo babonye cyangwa bitegereje n’amaso yabo (ibishushanyo, amashusho, amafoto, amafirimi..). Naho abanyeshuri babwirwa bagaragazwa no kumva neza ibyo babwiwe mu magambo (ibyandikwa n’ibivugwa).

d. Abanyeshuri bumva intambwe ku yindi n’abanyeshuri bumva muri rusange

Abanyeshuri bumva intambwe ku yindi bo basobanukirwa binyuze mu gufashwa buhoro buhoro, berekwa isano iri hagati y’igice runaka n’ikikibanziriza cyangwa ikigikurikira. Naho abanyeshuri bumva muri rusange baherako basobanukirwa igitekerezo rusange cy’isomo, batagombye kwigora baryinjiramo ryose uko ryakabaye.

1.1.5. Imyigishirize iha uruhare umunyeshuri

Uburyo butandukanye bw’imyigire bwavuzwe haruguru bushobora kugerwaho mu gihe umwarimu akoresheje uburyo bw’imyigishirize iha umunyeshuri uruhare rw’ibanze mu myigire ye.

a. Imyigishirize iha uruhare umunyeshuri ni iki?

Ni uburyo bwinjiza abanyeshuri mu gukora no gutekereza ku byo bariho bakora. Muri iyi myigishirize, abanyeshuri bashishikarizwa kuzana ibyo bashoboye n’ibyo bazi igihe bariho biga.

b. Uruhare rw’umwarimu mu myigishirize ishingiye ku bushobozi

- Umwarimu afasha abanyeshuri akoresha uburyo bwo kubaza, uburyo bwo kuganira mu matsinda, ubushakashatsi, ibikorwa by’ubucukumbuzi n’imikoro ku giti cyabo
- Akoresha abanyeshuri abasuzuma buri wese ku giti cye cyangwa mu matsinda yaguye. Umwarimu agomba gukoresha isuzuma rishingiye ku bushobozi
- Aha abanyeshuri amahirwe yo kuzamura ubushobozi butandukanye bifitemo, abagera ibyo gukora bizamura ubushishozi, ubushobozi bwo gukemura ibibazo, ubushakashatsi, ubushobozi bwo guhanga ibishya, umuco wo kuganira no gufatanya
- Umwarimu yifashisha ubu buryo bw’imyigishirize mu guha agaciro uruhare rw’abanyeshuri mu bikorwa byabo ku ishuri.

c. Uruhare rw’abanyeshuri mu myigire yabo

Abanyeshuri ni urufunguzo rw’imyigishirize ibaha uruhare mu myigire yabo. Ntabwo ari abo gufatwa nk’aho ntacyo bazi. Umwarimu agomba kubafata nk’abantu bafite ibitekerezo, ubushobozi n’ubukesha byo kubakiraho imyigire ihamye. Umunyeshuri wiga muri ubu buryo ashobora:

- Kuganira no gusangiza abandi banyeshuri ibyo yifitemo binyuze mu kwerekana, kuganira n’abandi, imikoro y’amatsinda, no mu bindi bimuha uruhare rwo kwerekana ubushobozi bwe (kwigana, ubushakashatsi, ubucukumbuzi, n’ibindi)
- Kugira uruhare rugaragara no kugira inshingano ku myigire ye
- Kuzamura ubumenyi n’impano yifitemo, mu gukora
- Gukora ubushakashatsi n’ubucukumbuzi binyuze mu gusoma ibiri mu bitabo cyangwa kuri murandasi no kubaza abantu batandukanye, hanyuma akabwira abandi ibyo yagezeho
- Gutuma buri wese mu bagize itsinda rye agira uruhare mu mukoro watanze mu itsinda binyuze mu gutanga ibisobanuro, ubushishozi, inshingano no kwigirira ikizere mu gihe avuga mu ruhamwe
- Gutanga umwanzuro ushingira ku byagezweho mu kwiga.

1.1.6. Ibice by’ingenzi by’isomo mu buryo bw’imyigishirize iha uruhare umunyeshuri.

Ibiranga imyigishirize iha umunyeshuri uruhare byavuzwe haruguru bigaragara mu bice by’isomo bikurikira. Muri rusange, isomo rigabanyije mu bice bitatu by’ingenzi, aho buri gice na cyo kigabanyijemo ibikorwa byinjiza abanyeshuri mu gikorwa cyo kwiga. ibyo bice ni ibi bikurikira:

a. Intangiriro

Intangiriro ni igice umwarimu yerekanamo ihuriro hagati y'isomo ry'uwo munsu n'isomo riribanziriza. Atangiza ikiganiro kigamije gufasha abanyeshuri gutekereza ku byo bize mu isomo ryabanje no kubihuza n'itege y'isomo ry'uwo munsu. Umwarimu yibanda ku bumenyi bw'ingenzi, ubumenyingiro n'ubukesha bifitanye isano n'ibyo mu isomo rishya mu rwego rwo kubaka ishingiro rihamye no gukurikiza neza uruherekane.

b. Isomo nyirizina

Isomo nyirizina rikubiyemo inyigisho nshya. Rikorwa mu ntambwe nto zikurikira: ibikorwa by'ivumburamatsiko, kwerekana ibyo abanyeshuri bagezeho, kubibaza umusaruro, gukora inshamake n'imyitozo cyangwa kubishyira mu bikorwa, nk'uko bisobanuye mu mirongo ikurikiye.

b.1. Ibikorwa by'ivumburamatsiko

Intambwe ya mbere:

- Umwarimu asaba abanyeshuri kumenya ko uruhare rwabo mu myigire ari rwo rwa mbere
- Abaha ibyo gukora akanababwira amabwiriza yose abigenga (niba babikora mu matsinda yagutse, ya babiri babiri cyangwa niba ari buri muntu ukwe, kugira ngo bibafashe kuvumbura ubumenyi bugamijwe gutangwa).

Intambwe ya kabiri:

- Umwarimu areka abanyeshuri bagakora ibyo yabahaye, bakorana hagati yabo
- Muri icyo gihe yirinda guhita asubiza abanyeshuri ku bijyanye n'ibyateganyijwe kwigwa uwo munsu
- Agerageza kuba umuyobozi wabo ariko atabasubiriza ibibazo, ahubwo abayobora mu bikorwa byabo biganisha ku bisubizo, kandi agafasha abasigara inyuma.

b.2. Kwerekana ibyo abanyeshuri bagezeho

- Muri aka gace, umwarimu atumira abahagarariye amatsinda bakaza kwerekana imbere y'abandi banyeshuri ibyo amatsinda yabo yagezeho
- Nyuma y'uko amatsinda atatu cyangwa ane amaze kwerekana ibyo yagezeho, umwarimu asaba abanyeshuri bese kubaza umusaruro ibyavuzwe n'amatsinda.

b.3. Kubaza umusaruro ibyagezweho n'abanyeshuri

- Umwarimu asaba abanyeshuri kugenzura umusaruro wavuye mu byakozwe: ibishyitse, ibituzuye neza n'ibitari byo
- Nyuma umwarimu agerageza kumva ukuri kw'ibyavuzwe n'abanyeshuri, agakosora ibyo bibeshye, akuzuza ibituzuye, akemeza ibishyitse.

b.4. Umwanzuro/inshamake/ingero

- Umwarimu atanga inshamake y'ibyizwe kandi agatanga n'ingero zibisobanura neza.

b.5. Imyitozo/gushyira mu bikorwa ibyizwe

- Hatangwa imyitozo igendanye n'ibyizwe mu ishuri
- Hatangwa kandi imyitozo ishingiyeye ku buzima bwa buri munsu ariko bufite aho buhurira n'ibyizwe mu ishuri.
- Umwarimu afasha abanyeshuri guhuza ibyizwe n'ubuzima bwa buri munsu. Kuri iyi ntera, uruhare rw'umwarimu ni ukuyobora abanyeshuri mu gucengerwa n'ibyo bize.

c. Isuzuma

Kuri iyi ntambwe, umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo yatoranije agamije kureba niba intego z'isomo zagezweho. Muri iki gikorwa cy'isuzuma, buri munyeshuri asuzumwa ku giti cye. Umwarimu yirinda guhita atanga ibisubizo, ahubwo ibivuye mu isuzuma bikaba ari byo bimuha icyo azakorera abanyeshuri muri rusange n'umunyeshuri ku giti cye. Rimwe na rimwe, umwarimu ashobora gusoma isomo atanga umukoro wo mu rugo.

d. Kugerageza

Mu mikoro imwe n'imwe biba ngombwa ko abanyeshuri bagera uburyo butandukanye na za tekiniki kugira ngo bagere ku bisubizo basabwa bo ubwabo. Amwe mu magera abasaba guhera ku byo basanzwe bazi bakongeraga ubumenyi mu ngiro zitandukanye. Urugero nko mu masomo yo kubumba, gufuma no kubohya ni ukugerageza kuko baba bakiri bato ku buryo bakora nk'ibyo babona.

e. Gukorera mu matsinda

Amatsinda agomba gukorwa hakurikijwe ubwinshi bw'abanyeshuri, ahantu bahererwa amasomo, ibikoresho bihaboneka n'ubwoko bw'ikigenderewe gukorwa. Biba byiza kuvanga abanyeshuri bafite impano zitandukanye hitawe no ku buringanire bw'ibitsina byombi. Na none amatsinda agomba guhora ahinduka kugira ngo buri wese agire amahirwe angana n'ay'abandi.

f. Gusangira ibikoresho

Ibikoresho bigira akamaro cyane mu gufasha abanyeshuri kwiyungura ubumenyi mu bugeni n'ubukorikori. Bimwe muri ibyo bikoresho bisaba kwitondera mu mikoreshereze kugira ngo bidateze impanuka. Ni byiza gukurikirana uburyo bwo gutizanya ibikoresho kugira ngo hataba kwikubira cyangwa isesagura. Ni byiza gushaka ibikoresho biri mu bidukikije bya hafi.

1.1.7. Imyigishirize nyirizina iha uruhare abanyeshuri

a. Intangiriro

Mu ntangiriro umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo biza gusubizwa n'isomo ashaka ko ryigwa, ibibazo bisubizwa bikaba bijyanye n'intego z'isomo, guha abanyeshuri amabwiriza y'ibyo bagomba gukora no kubaha umwanya uhagije bakabikora nyuma ukaza gusuzuma

b. Isomo nyirizina

Abanyeshuri bahabwa umwanya uhagije wo gukora ibyo basabwe na mwarimu.

c. Isuzuma

Mu isuzuma habamo kumurika ibyo abanyeshuri bakoze bakanabyunguranaho ibitekerezo mu bwubahane. Ibi bifasha umunyeshuri kumenya urwego ariho kuko agereranya ibyo yakoze n'iby'abandi. Binafasha umwarimu gusuzuma niba intego z'isomo zagezweho bitewe n'umubare w'ibishushanyo byiza byakozwe.

IGICE CYA II. IMBATA Y'ISOMO

Ikigo : **Amazina y'umwarimu:**

Igihembwe	Itariki	Inyigisho	Umwaka	Umutwe	Isomo rya	Igihe isom rimara :	Umubare w'abanyeshuri
1	 20....	Gushushanya no gukoresha amarangi	1	1	1t	40 iminota	40
Abafite ibyo bagenerwa byihariye mu myigire no mu myigishirize n'umubare wabo		Abanyeshuri babiri (2) bafite ubumuga bwo kutavuga no kutumva • Guhabwa ikicaro imbere hafi ya mwarimu, aho bamubona neza. • Mwarimu akoresha - akabavugisha abareba. • Kubereka ingero cyane cyane mwarimu akoresha amashusho yateguwe mbere y'isomo ajyanye n'umwihariko wabo.					
Umutwe		Gushushanya no gusiga amabara ibitayega n'ibidukikije.					
Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe		Umunyeshuri azaba ashobora gushushanya akoresheje intego zinyuranye n'ibinyempande, asiga amabara cyangwa amarangi.					
Isomo		Amashusho atandukanye ashingiye ku miterere y'intego ziboneka mu bitayega n'ibidukikije no kubisiga amabara.					
Intego ngenamukoro		Yifashishije urupapuro rwo gushushanyaho, ikaramu y'igiti n'amakaramu y'amabara, umunyeshuri azashushanya ameza, ayasige neza amabara ajyanye na yo.					
Imiterere y'aho isomo ribera		Isomo rizabera mu ishuri cyangwa hanze yaryo hakurikijwe imiterere y'igihe.					
Imfashanyigisho		Ibikoresho byo gushushanya no gusiga amabara.					
Inyandiko n'ibitabo byifashishijwe		Integanyanyigisho y'ubugeni n'ubuhanzi, ikicro cya mbere cy'amashuri abanza, REB, Kigali, 2015. Urupapuro rwa 66.					

Ibice by'isomo + igihe	Gusobanura muri make ibikorwa by'umwarimu n'iby'umunyeshuri		Ubushobozi n'ingingo nsanganyamasomo (andika ubushobozi + igisobanuro kigufi)
	Umwarimu asaba abanyeshuri mu matsinda kungurana ibitekerezo ku ntego ziboneka mu bitayega n'ibidukikije, bashushanya ameza bayasiga amabara. Abanyeshuri mu matsinda bungurana ibitekerezo ku ntego ziboneka mu bitayega bashushanya ameza, bayasiga amabara.		
	Ibikorwa by'umwarimu	Ibikorwa by'umunyeshuri	
Intangiriro: Iminota 10	- Gusaba abanyeshuri mu matsinda kugaragaza intego zimwe na zimwe ziboneka mu bitayega n'ibidukikije. - Gusaba abanyeshuri kwitegereza ibikoresho no kugaragaza intego zibibonekamo.	- Mu matsinda abanyeshuri bagaragaza intego zimwe na zimwe ziboneka mu bitayega n'ibidukikije. - Kwitegereza ibikoresho no kugaragaza intego zibibonekamo.	Ubushobozi nsanganyamasomo buboneka aho abanyeshuri bakorera mu matsinda, bigaragaza ubufatanye no gushyira hamwe bungurana ibitekerezo. Ingingo nsanganyamasomo zibonekamo ni ukwita by'umwihariko ku bafite ubumuga hakiyongeraho n'uburinganire bw'ibitsina byombi.

Isomo nyirizina: Iminota 20	• Gusaba abanyeshuri gushushanya ameza n'inzu hashingiwe ku ntego zibibonekamo. • Kwegera abanyeshuri umwarimu ashima ibyo bakoze, atanga inama aho bibaye ngombwa. • Gusaba abanyeshuri gusiga amabara ibyo bashushanyije hashingiwe ku miterere yabyo. • Gusaba abanyeshuri kungurana ibitekerezo ku byo bashushanyije kandi basize amabara. • Gusaba abanyeshuri mu matsinda gutoranya ibishushanyo bikoze neza kurusha ibindi. • Gushima ibikorwa by'abanyeshuri. • Gusaba abanyeshuri gutunganya ibikoresho no kubibika neza.	• Umurimo: Gushushanya ameza n'inzu hashingiwe ku ntego zibibonekamo n'imiterere yabyo. Ibikorwa: Igikorwa 1: Gutegura ibikoresho bizifashishwa mu gushushanya. Igikorwa 2: Gushushanya igishushanyo cy'ibanze. Igikorwa 3: kunoza igishushanyo. Igikorwa 4: Gusiga amabara ibyo bashushanyije. • Kwakira inama bahawe na mwarimu bakazikurikiza bashushanya. • Gusiga amabara ibyo bashushanyije hakurikijwe imiterere yabyo. • Abanyeshuri bungurana ibitekerezo ku byo bashushanyije kandi basize amabara. • Abanyeshuri mu matsinda batoranya ibishushanyo bikoze neza kurusha ibindi. • Gutunganya ibikoresho no kubibika neza.	• Ubushobozi nsanganyamasomo buboneka aho abanyeshuri bakorera mu matsinda. Bigaragaza ubufatanye no gushyira hamwe bungurana ibitekerezo. • Ingingo nsanganyamasomo zibonekamo ni ukwita by'umwihariko ku bafite ubumuga, uburinganire bw'ibitsina byombi bugaragarira mu irema ry'amatsinda. • Ingingo nsanganyamasomo ibonekamo aho abanyeshuri bitegereza neza ibidukikije, bagamiye kubishushanya, bikaganisha ku kubibungabunga no kubikunda.
--	--	--	---

Isuzumabumenyi Iminota 10	Gusuzuma niba abanyeshuri bashobora gushushanya ibitayega n'ibidukikije bakabisiga amabara ajyanye na byo.	Gushushanya no gusiga amabara ibitayega n'ibidukikije	Ingingo nsanganyamasomo ibonekamo aho abanyeshuri bitegereza neza ibidukikije bagamije kubishushanya, bikaganisha ku kubibungabunga no kubikunda.
Kwisuzuma (umurezi)	Intego zari zigamijwe zagezweho.		

IGICE CYA GATATU : IMITWE IGIZE NYOBORABAREZI

UMUTWE WA MBERE : GUSHUSHANYA NO GUSIGA AMABARA IBITAYEGA N'IBIDUKIKIJE

1

1.1. Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe

Umunyeshuri azaba ashobora gushushanya akoresheje intego zinyuranye n'ibinyempande asiga amabara cyangwa amarangi.

1.2. Ubushobozi shingiro

Muri uyu mutwe umwarimu agomba kuyobora abanyeshuri mu kumenya gukurikiza uburyo bukoreshwa mu gushushanya no gusiga amabara hakoreshejwe ibikoresho bitandukanye. Kureka abanyeshuri bagashushanya bakanasiga amabara amashusho y'ibitayega n'ibidukikije. Muri uko gushushanya no gusiga amabara, abanyeshuri babasha kubona ubwiza bw'ibidukikije. Nyuma yaho kubayobora mu kumurika ibyo bakoze babitangaho ibitekerezo mu bwubahane.

1.3. Ingingo nsanganyamasomo zigaragara mu mutwe

- Kubungabunga ibidukikije igihe abanyeshuri bashushanya ibitayega n'ibidukikije nk'ibimera, udusimba duto n'inyamaswa
- Kumenya gucunga umutungo abanyeshuri bagaha agaciro ibikoresho kuko bigura amafaranga, bityo bikaba bidatagaguzwa uko umuntu yiboneye

1.4. Uburyo bwo gutangira umutwe

Mu gutangira uyu mutwe umwarimu abaza abanyeshuri intego bazi, ibitayega bazi, ibidukikije bazi, n'amabara y'ingero bagiye batanga.

1.5. Urutonde rw'amasomo

	Isomo	Intego z'isomo	Umubare
1	Gushushanya no gusiga amabara amashusho atandukanye	- Gushushanya no gusiga amabara amashusho atandukanye ashingiye ku miterere y'intego ziboneka mu bitayega n'ibidukikije - Gushima ubwiza bw'ibishushanyo hashingiwe ku miterere yabyo, umunyeshurib yakoze cyangwa byakozwe n'abandi	3
2	Gushushanya yigana ibyo abona bimukikije	- Gushushanya ibintu abona n'ibyo yitekerereje bifite intego zinyuranye mu bidukikije - Gukunda no gufata neza ibidukikije	3
3	Ivanga ry'amarangi akomoka ku mabara atatu y'ibanze	- Kuvuga imikoreshereze y'amabara atandukanye ku mitako - Gushushanya no gusiga amabara mu buryo bunyuranye	3
4	Amoko y'amabara ahindura isura y'ayandi yose n'imikoreshereze yayo	- Kuvuga imikoreshereze y'amabara atandukanye ku mitako - Gushushanya no gusiga amabara mu buryo bunyuranye - Gushima ubwiza bw'ibishushanyo ashingiye ku miterere y'ibyo yakoze cyangwa byakozwe n'abandi	2
5	Isuzuma	- Gushushanya ururabo, ikibabi n'urukwavu - Gushushanya ibimera babijyanisha n'amabara aboneka mu bidukikije - Gukoresha imvange y'amabara y'ibanze mu gushushanya - Gusaba abanyeshuri guhuza amabara ahindura isura y'ayandi yose	2

Isomo rya 1 : Gushushanya no gusiga amabara amashusho atandukanye

a. Intego zihariye

Umunyeshuri ashobora:

- Guhitamo ibikoresho byo gushushanya hifashishijwe ibinyampande
- Gushushanya no gusiga amabara mu buryo banyuranye
- Gushima ubwiza bw'ibishushanyo hashingiwe ku miterere yabyo, umunyeshuri yakoze cyangwa byakozwen'abandi

b. imfashanyigisho

- Ikaramu y'igiti
- Amakaramu y'amabara ashushanya
- Agahanaguzo
- Agasongozo
- Impapuro zo gushushanya

c. Uburyo bukoreshwa

- Gukora ku giti cye
- Gukorera mu matsinda
- Kungurana ibitekerezo
- Igerageza

d. Uko isomo ritangwa


i. Gushushanya ibikoresho

Intangiriro


- Kwitegereza ibikoresho no kungurana ibitekerezo ku ntego zibibonekamo.

Isomo nyirizina

- Gushushanya ibitayega hifashishwa intego zitandukanye zoroheje
- Gushushanya ibitayega hifashishijwe intego z'ibanze n'ibinyampande banyuranye



1.1 Ishusho y'ameza adasize




1.2. Ishusho y'inzu idasize

- Gusaba abanyeshuri gushushanya ameza, inzu no kubisiga amabara ajyanye na byo.



1.3. Ishusho y'ameza asize



1.4. Ishusho y'inzu isize

- Gusaba abanyeshuri kumurika ibishushanyo bamaze gushushanya
- Gusaba abanyeshuri gutoranya ibishushanyo bikoze neza kurusha ibindi
- Gushima ibikorwa by'abanyeshuri
- Gusaba abanyeshuri gutunganya ibikoresho no kubibika neza

ii. Gushushanya ibimera

- Gusaba abanyeshuri kujya hanze no kwitegereza ibidukikije
- Gusaba abanyeshuri kungurana ibitekerezo ku bidukikije babonye bibanda ku bimera
- Gusaba abanyeshuri gushushanya bimwe mu byo babonye mu bidukikije (ururabo, ibiti, amababi) no kubisiga amabara ajyanye na byo



1.5. Ururabo rudasize n'urusize



1.6. Igiti kidasize n'igisize




- Kwegera buri tsinda ry'abanyeshuri arigira inama
- Gusaba abanyeshuri kumurika ibishushanyo byakozwe, nk'ururabo, igiti cyangwa amababi
- Gusaba abanyeshuri gutoranya ibishushanyo bikoze neza kurusha ibindi
- Gushima ibishushanyo by'abanyeshuri

iii. Gushushanya ibisimba

Uko isomo ryo gushushanya inyoni, ifi, urukwavu, injangwe ritangwa:


- Kujyana abanyeshuri aho bashobora kubona ibisimba, cyangwa kwerekwa amashusho biriho (inyoni, ifi, urukwavu, injangwe) no kubasaba kwitegereza ibisimba no kubitangaho ibitekerezo

- Gusaba abanyeshuri gushushanya ibisimba babona



1.7. Inkoko, ifi, urukwavu n'injangwe bishushanyije

- Gusaba abanyeshuri gusiga amabara ibisimba bashushanyije



1.8. Inkoko, ifi, urukwavu n'injangwe bisize amabara

- Kwegera buri tsinda ry'abanyeshuri umwarimu arigira inama
- Gusaba abanyeshuri kumurika ibishushanyo byabo no kubyunguranaho ibitekerezo
- Gusaba abanyeshuri gutoranya ibishushanyo bikoze neza kurusha ibindi
- Gushima ibishushanyo by'abanyeshuri

iv. Gushushanya umuntu

- Gusaba abanyeshuri mu matsinda kungurana ibitekerezo ku bishushanyo by'umuntu baba barabonye
- Gusaba abanyeshuri kugaragaza ibice bigize umuntu
- Gusaba abanyeshuri gushushanya umuntu
- Gusaba abanyeshuri kumurika ibishushanyo byabo no kubyunguranaho ibitekerezo
- Gusaba abanyeshuri gutoranya ibishushanyo bikoze neza kurusha ibindi
- Gushima ibishushanyo by'abanyeshuri

Isuzuma

- Gusaba abanyeshuri kugaragaza ibinyampande binyuranye
- Gusaba abanyeshuri gushushanya ururabo, ikibabi n'urukwavu.

Isomo rya 2: Gushushanya yigana ibyo abona mu bidukikije

a. Intego zihariye

- Guhitamo ibikoresho ashushanya yifashisha ibinyampande.
- Gushushanya ibintu abona n'ibyo yitekerereje bifite intego zinyuranye mu bidukikije.
- Gukunda no gufata neza ibidukikije.

b. Imfashanyigisho

- Amakaramu y'amabara ashushanya
- Agahanaguzo
- Agasongozo
- Urupapuro rwo gushushanyaho
- Ikaramu y'igiti.

c. Uburyo bukoreshwa

- Gukora ku giti cye
- Gukorera mu matsinda
- Kungurana ibitekerezo
- Igerageza.


d. Uko isomo ritangwa

Intangiro

- Kujya hanze y'ishuri, abanyeshuri bakitegereza ibidukikije (ibimera, ibyatsi, indabo, ibiti n'ibindi)
- Gutoranya ibimera, ibisimba bashushanya uko babibona
- Kungurana ibitekerezo mu matsinda ku byo bagiye gushushanya.

Isomo nyirizina

- Gusaba abanyeshuri gushushanya ibimera n'ibisimba bitandukanye hakurikijwe imiterere yabyo



1.9. Insina, intama n'ihene bidasize

- Gusaba abanyeshuri gusiga amabara ibishushanyo bakoze ajyanye nabyo



1.10. *Insina, intama n'ihene bisize amabara*

- Kwegera buri tsinda ry'abanyeshuri no kurigira inama
- Gusaba abanyeshuri kumurika ibishushanyo bakoze no kubitangaho ibitekerezo.

Isuzuma

- Gusaba abanyeshuri kugaragaza intego z'ibanze ziboneka mu bishushanyo byabo.

Isomo rya 3: Ivanga ry'amarangi akomoka ku mabara atatu y'ibanze

a. Intego zihariye

- Kuvuga imikoreshereze y'amabara atandukanye ku mitako
- Gushushanya no gusiga amabara mu buryo bunyuranye
- Gufata neza ibikoresho no kubigirira isuku

b. Imfashanyigisho

- Ikaramu y'igiti
- Amakaramu y'amabara ashushanya
- Uburoso
- Amarangi
- Urupapuro rwo gushushanyaho
- Agahanaguzo
- Agasongozo

c. Uburyo bukoreshe

- Gukora ku giti cy'e
- Gukorera mu matsinda
- Kungurana ibitekerezo
- Igerageza.

d. Uko isomo ritangwa

Intangiriro

- Gusaba abanyeshuri kugaragaza amoko y'amabara bazi.
- Gusaba abanyeshuri kwerekana uko amabara atandukanye aboneka.

Isomo nyirizina

- Gusaba abanyeshuri gukora imvange y'amarangi yo ku rwego rwa kabiri bavanga amabara abiri abiri y'ibanze.

i. Amabara atatu y'ibanze ni aya akurikira :

Ibara ry'umutuku



Ibara ry'umuhondo




Ibara ry'ubururu



1.11. Amabara y'ibanze

Uko amabara avangwa abiri abiri n'imvange ziyavamo.



1.12. Amabara ava mu imvange y'amabara y'ibanze

- Gusaba abanyeshuri gushushanya icunga bakoresheje amabara abiri yo ku rwego rwa kabiri (ibara ry'icyatsi n'irisa n'icunga)
- Gusaba abanyeshuri kumurika ibishushanyo byabo

Isuzuma

- Gusaba abanyeshuri gukoresha imvange mu bishushanyo binyuranye bikoreye.

Isomo rya 4: Amoko y'amabara ahindura isura y'ayandi yose n'imikoreshereze yayo

a. Intego zihariye

- Kuvuga imikoreshereze y'amabara atandukanye ku mitako
- Gushushanya no gusiga amabara mu buryo bunyuranye
- Gushima ubwiza bw'ibishushanyo ashingiye ku miterere y'ibyo yakoze cyangwa byakozwe n'abandi

b. Imfashanyigisho

- Ikaramu y'igiti
- Amakaramu y'amabara ashushanya
- Uburoso
- Amarangi
- Urupapuro rwo gushushanyaho
- Agahanaguzo
- Agasongozo
- Uruziga rw'amabara

c. Uburyo bukoreshwa

- Gukorera mu matsinda
- Kungurana ibitekerezo
- Gukora ku giti cye
- Igerageza

d. Uko isomo ritangwa

Intangiriro

- Gusaba abanyeshuri mu matsinda kungurana ibitekerezo ku moko y'amabara ahindura isura y'ayandi
- Gusaba abanyeshuri kugaragaza imikoreshereze ya buri bara (umweru, umukara)

Isomo nyirizina

- Gusaba abanyeshuri gukoresha amabara ahindura isura y'ayandi bashushanya intambwe ku yindi bava ku mukara baja ku mweru, bava ku mweru baja ku mukara



1.13. Umweru n'umukara, nk'amabara ahindura ayandi

- Gusaba abanyeshuri kugaragaza imikoranire y'ayo mabara yombi
- Kwegera abanyeshuri umwarimu abaha ubufasha aho biri ngombwa, anabagira inama

Isuzuma

- Gusaba abanyeshuri guhuza amabara ahindura isura y'ayandi yose.

1.6. Isuzuma risoza umutwe wa 1

- Gusaba abanyeshuri kuvuga ibinyampande binyuranye biboneka mu ishuri
- Gushushanya ururabo, ikibabi n'urukwavu
- Gusaba abanyeshuri gushushanya ibimera babijyanisha n'amabara aboneka mu bidukikije
- Gusaba abanyeshuri gukoresha imvange y'amabara y'ibanze mu gushushanya
- Gusaba abanyeshuri guhuza amabara ahindura isura y'ayandi yose.

1.7. Imyitozo y'inyongera

- Gushushanya igikoreshe cyo mu rugo agaragaza imikoranire y'ibara ry'umweru n'iry'umukara.

UMUTWE WA KABIRI: GUTERA GUTERA AMASHUSHO KU BINTU

2

2.1. Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe

Gushobora gutera amashusho ku bintu akoresheje ibikoresho binyuranye biboneka aho atuye.

2.2. Ubushobozi shingiro

Muri uyu mutwe umwarimu agomba kuyobora abanyeshuri mu kumenya gukurikiza uburyo bukoreshwa mu gutera amashusho, bakoreshe ibikoresho binyuranye biboneka aho batuye. Kureka abanyeshuri bagatera amashusho ku bintu bakoreshe ibikoresho binyuranye biboneka aho batuye. Muri uko gutera amashusho ku bintu, abanyeshuri babasha kubona ubwiza bw'ibidukikije. Nyuma yaho akabayobora mu kumurika ibyo bakoze babitangaho ibitekerezo mu bwubahane.

2.3. Ingingo nsanganyamasomo zigaragara mu mutwe

- Kwita kuri buri munyeshuri cyane cyane hitabwa ku mwihariko wa buri wese. Nk'udashoboye gukoza ikiganza mu irange ngo atere ishusho ku rupapuro azakoreshe ikirenge
- Kubungabunga ibidukikije igihe abanyeshuri batera amashusho y'ibidukikije ku mpapuro nk' ibibabi, ibyatsi, n'ibindi
- Kumenya gucunga umutungo, abanyeshuri bagaha agaciro ibikoresho ntibitagaguzwe cyangwa ngo byangizwe uko biboneye.

2.4. Uburyo bwo gutangira umutwe

Mu gutangira isomo ryo gutera amashusho ku bintu, mwarimu ashobora kuzana imfashanyigisho. Ni ukuvuga agatambara gateyeho amashusho yoroheje abana bashobora kubona, akababwira ko nabo bazabikora.

2.5. Urutonde rw'amasomo

	Isomo	Intego z'isomo (ziboneka mu nteganyanyigisho: ubumenyi, ubumenyigiro n'ubukeshya):	Umubare w'amasomo
1	Gutera amashusho ku rupapuro hifashishijwe ibikoresho byoroheje	• Guhitamo ibikoresho n'uburyo banyuranye bukoreshwa mu gutera amashusho ku bintu • Gukoresha ibikoresho bitera amashusho • Gushima ubwiza bw'ibintu.	2
2	Gutera amashusho ku gatambaro gato	• Kwerekana uburyo bukoreshwa mu gutera amashusho n'amabara ku bintu • Guhanga amashusho akoresha ibikoresho binyuranye • Gushima ubwiza bw'ibintu.	1
3	Gutegura no gutera amashusho ashingiye ku byo yitekerereje	• Guhanga amashusho akoresha ibikoresho binyuranye • Gushima ubwiza bw'ibintu.	1
	Isuzuma	• Guhanga amashusho bitekerereje • Gutera amashusho bakoresheje ibikoresho bifite imiterere itandukanye biboneka aho batuye • Gutanga ibitekerezo ku bintu bateyeho amashusho.	1

Isomo rya 1: Gutera amashusho ku rupapuro hifashishijwe ibikoresho byoroheje

a. Intego zihariye

Umunyeshuri agomba gushobora:

- Guhitamo ibikoresho n'uburyo bunyuranye bukoreshwa mu gutera amashusho ku bintu
- Gukoresha ibikoresho bitera amashusho
- Gushima ubwiza bw'ibintu

b. Imfashanyigisho

Ibikoresho byifashishwa mu gushushanya no gutera mashusho ku bintu:

- Ikaramu y'igiti
- Urupapuro rwo gushushanyaho cyangwa agatambaro
- Igikoresho cyo gukata
- Amarangi
- Agafufuma

c. Uburyo bukoreshwa

- Gukora ku giti cye
- Gukorera mu matsinda
- Kungurana ibitekerezo
- Igerageza

d. Uko isomo ritangwa

Intangiriro

- Gusaba abanyeshuri mu matsinda kungurana ibitekerezo ku mashusho atewe ku bintu bitandukanye
- Gusaba abanyeshuri mu matsinda kugaragaza uruhare rw'amarangi mu gutera amashusho.

Isomo nyirizina

- Gusaba abanyeshuri gutegura ibikoresho binyuranye byifashishwa mu gutera amashusho biboneka aho batuye
- Gusaba abanyeshuri gutera amashusho ku rupapuro bakoresheje ikibabi, ikiganza n'irangi



2.1. Amashusho ateye ku dutambaro no ku mpapuro

- Gusaba abanyeshuri gutera amashusho hakoreshejwe ibikoresho biboneka aho batuye



2.1. Gutera ishusho hifashijijwe ikijumba

- Kwegera buri tsinda ry'abanyeshuri umwarimu arigira inama

Isuzuma

- Gusaba abanyeshuri kumurika impapuro bateyeho amashusho
- Gusaba amatsinda y'abanyeshuri gutoranya impapuro ziteweho neza amashusho kurusha izindi hitawe ku intego ngenamukoro yatanze
- Gushima ibikorwa by'abanyeshuri
- Gukora isuku no kubika neza ibyakozwe.

Isomo rya 2: Gutera amashusho ku gatambaro gato

a. Intego zihariye

Umunyeshuri azaba ashobora:

- Kwerekana uburyo bukoreshwa mu gutera amashusho n'amabara ku bintu
- Guhanga amashusho akoresha ibikoresho binyuranye
- Gushima ubwiza bw'ibintu.

b. Imfashanyigisho

Ibikoresho byifashishwa mu gushushanya no gutera mashusho ku bintu:

- Agatambaro
- Amarangi
- Ikibabi
- Igitiritiri
- Agafuniko k'icupa
- N' ibindi

c. Uburyo bukoreshwa

- Gukora ku giti cye
- Gukorera mu matsinda
- Kungurana ibitekerezo
- Igerageza

d. Uko isomo ritangwa

Intangiriro

- Gusaba abanyeshuri mu matsinda kungurana ibitekerezo ku mashusho atandukanye babona ku myenda.

Isomo nyirizina

- Gusaba abanyeshuri guhanga amashusho hifashishijwe ibikoresho binyuranye biboneka aho batuye.



2.2. Amashusho atewe ku gatambaro gato hifashishijwe ibikoresho bitandukanye

- Gusaba abanyeshuri mu matsinda gutera amashusho ku dutambaro, bakoresheje ibikoresho biboneka aho batuye
- Kwegera buri tsinda umwarimu ariha ubufasha aho biri ngombwa anarigira inama.

Isuzuma

- Gusaba abanyeshuri kumurika udutambaro bateyeho amashusho
- Gusaba amatsinda y'abanyeshuri gutoranya udutambaro duteweho neza amashusho kurusha utundi hitawe ku ntego ngenamukoro yatanzwe
- Gushima ibikorwa by'abanyeshuri
- Gusaba abanyeshuri gusukura ibikoresho no kubibika neza.

Isomo rya 3: Gutegura no gutera amashusho ashingiye ku byo umwana yitekerereje

a. Intego zihariye

Umunyeshuri azaba ashobora:

- Guhitamo ibikoresho n’uburyo bunyuranye bukoreshwa mu gutera amashusho ku bintu
- Guhanga amashusho akoresha ibikoresho binyuranye
- Gushima ubwiza bw’ibintu

b. Imfashanyigisho

- Ibikoresho byifashishwa mu gushushanya no gutera mashusho ku bintu
- Agatambaro
- Amarangi
- Ikibabi
- Igitiritiri
- Agafuniko k’icupa
- N’ ibindi

c. Uburyo bukoreshwa

- Gukora ku giti cye
- Kujya mu matsinda
- Kungurana ibitekerezo
- Igerageza


d. Uko isomo ritangwa

Intangiriro

- Gusaba abanyeshuri guhanga amashusho n’imitako ku bikoresho biboneka aho batuye byifashishwa mu gutera amashusho ku bintu.

Isomo nyirizina

- Gusaba abanyeshuri mu matsinda gutegura amashusho bakoresheje ibikoresho biboneka aho batuye



2.3. Amashusho atewe ku gitambaro

- Gusaba abanyeshuri gutera amashushoku bikoresho bitandukanye
- Kwegera buri tsinda arigira inama

2.6. Isuzuma risoza umutwe wa 2

- Gusaba abanyeshuri guhanga amashusho bitekerereje
- Gusaba abanyeshuri gutera amashusho bakoresheje ibikoresho bifite imiterere itandukanye biboneka aho batuye
- Gusaba abanyeshuri kumurika ibintu bateyeho amashusho
- Gusaba amatsinda y'abanyeshuri gutoranya ibintu biteweho amashusho bikoze neza kurusha ibindi hitawe ku ntego ngenamukoro yatanzwe
- Gusaba abanyeshuri gutanga ibitekerezo ku bintu bateyeho amashusho
- Gushima ibintu biteweho amashusho atunganije neza
- Gusukura ibikoresho no kubibika neza.

2.7. Imyitozo y'inyongera

- Gusaba abanyeshuri gutera amashusho ku dutambaro bakoresheje ibikoresho bahawe.

UMUTWE WA GATATU: AMASHUSHO MU MUBYIMBA UFATIKA

3

3.1. Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe

Umunyeshuri azaba ashobora kubumba ibikoresho binyuranye yifashishije igitaka cy'inombe cyangwa ibumba.

3.2. Ubushobozi shingiro

Muri uyu mutwe, umwarimu agomba kuyobora abanyeshuri mu kumenya gukurikiza uburyo bukoreshwa mu kubumba ibikoresho binyuranye, yifashishije igitaka k'inombe cyangwa ibumba. Kureka abanyeshuri bakabumba amashusho y'ibintu bifashisha ibikoresho binyuranye biboneka aho batuye. Muri uko kubumba ibikoresho binyuranye bifashishije igitaka k'inombe cyangwa ibumba. Gutyo abanyeshuri babasha kubona ubwiza bw'ibidukikije. Nyuma yaho bayoborwa mu kumurika ibyo bakoze babitangaho ibitekerezo mu bwubahane.

3.3. Ingingo nsanganyamasomo zigaragara mu mutwe

- Kubungabunga ibidukikije igihe abanyeshuri babumba
- Kumenya gucunga umutungo abanyeshuri bagaha agaciro ibikoresho kuko bigura amafaranga, bityo bikaba bidatagaguzwa uko umuntu yiboneye
- Kwita kuri buri munyeshuri cyane cyane hitabwa ku mwihariko wa buri wese

3.4. Uburyo bwo gutangira umutwe

Mu gutangira uyu mutwe wo guhanga amashusho mu mubyimba ufatika, mwarimu ashobora kuzana imfashanyigisho, ni ukuvuga ibikoresho byoroheje bitandukanye bijyanye n'ibyo abana bashobora kubona, akababaza niba bazi icyo bikozemo, akababwira ko na bo bagiye kubikora.

3.5. Urutonde rw'amasomo

	Isomo	Intego z'isomo	Umubare w'amasomo
1	Kubumba ifi, akabindi, isahani n'abantu	- Gukoresha ibumba cyangwa igitaka k'inombe akora ibintu binyuranye yitekerereje - Kunoza no gushima ubwiza bw'ibintu	2
2	Uburyo bunyuranye bwo gutaka ibintu bitandukanye byakozwe mu kubumba	- Guhanga imitako ku mashusho yabumbwe - Kunoza no gushima ubwiza bw'ikintu	2
	Isuzuma	- Gusaba abanyeshuri kugaragaza uburyo ibumba ritegurwa - Gusaba abanyeshuri kugaragaza inzira banyuzemo babumba icunga cyangwa ifi	1

Isomo rya 1: Kubumba ibikoresho n'ibindi bintu binyuranye

a. Intego zihariye

Umunyeshuri azaba ashobora:

- Gukoresha ibumba cyangwa igitaka cy'inombe abumba ifi, akabindi, isahani, abantu cyangwa ibindi bintu binyuranye yitekerereje
- Kunoza no gushima ubwiza bw'ibintu.

b. Imfashanyigisho

- Ibikoresho byifashishwa mu guhanga amashusho afite umubyimba ufatika
- Ibumba risanzwe n'ibumba mvaruganda (plasticine).

c. Uburyo bukoreshwa

- Gukora ku giti cye
- Gukorera mumatsinda
- Kungurana ibitekerezo
- Igerageza

d. Uko isomo ritangwa

Intangiriro

- Gusaba abanyeshuri mu matsinda kungurana ibitekerezo ku bikoresho bazi bikoze mu ibumba.

Isomo nyirizina

- Gusaba abanyeshuri mu matsinda gutegura ibumba bahereye ku kurivangura no kurisukura
- Gusaba abanyeshuri kubumba ifi
- Gusaba abanyeshuri kubumba akabindi
- Gusaba abanyeshuri kubumba isahani
- Gusaba abanyeshuri kubumba umuntu
- Kwegera buri tsinda umwarimu arigira inama.



3.1. Gutegura ibumba



3.2. Akabindi n'ifi bibumbye

Isuzuma

- Gusaba abanyeshuri kugaragaza uburyo ibumba ritegurwa
- Gusaba abanyeshuri kugaragaza inzira banyuzemo babumba
- Gusaba abanyeshuri mu matsinda kumurika amashusho babumbye
- Gusaba abanyeshuri gutoranya amashusho abumbye neza kurusha ayandi
- Gushima ibikorwa by'abanyeshuri
- Gusukura aho bakoreye, ibikoreshe bakoreshesheje no kubibika neza

Isomo rya 2: Uburyo bunyuranye bwo gutaka ibintu bitandukanye byakozwe mu kubumba

a. Intego zihariye

Umunyeshuri azaba ashobora:

- Guhanga imitako ku mashusho afite umubyimba ufatika akoresha ibikoresho binyuranye
- Gushima ubwiza bw'ikintu yakoze cyangwa cyakozwe n'abandi.

b. Imfashanyigisho

- Inkogoto
- Agati
- Agasokozo
- Ibuye
- Ibumba
- Agafuniko k'icupa
- Ikaramu
- Icyuma

c. Uburyo bukoreshwa

- Gukora ku giti cye
- Gukorera mumatsinda
- Kungurana ibitekerezo
- Igerageza

d. Uko isomo ritangwa

Intangiriro

- Gusaba abanyeshuri mu matsinda kungurana ibitekerezo ku miterere y'imitako iboneka ku bintu bibumbye.

Isomo nyirizina

- Gusaba abanyeshuri guhanga imitako itandukanye igenewe gukoreshwa ku bintu babumbye
- Gusaba abanyeshuri gutaka ibintu babumbye bakoresheje gucukura (incision) cyangwa guharura (impression)
- Kwegera buri tsinda umwarimu ariha ubufasha aho biri ngombwa, anarigira inama.



3-3. Gutaka akabindi hakoreshejwe guharura (impression) no gucukura (incision)

Isuzuma

- Gusaba abanyeshuri mu matsinda kumurika ibintu babumbye birimo amashusho n'ibikoresho no kubyunguranaho ibitekerezo
- Gusaba amatsinda y'abanyeshuri gutoranya amashusho n'ibikoresho bitatse neza kurusha ibindi
- Gushima ibikorwa by'abanyeshuri
- Gusukura aho bakoreye, ibikoresho bakoresheje no kubibika neza.

3.6. Isuzuma risoza umutwe wa 3

- Gusaba abanyeshuri kwerekana uburyo ibumba ritegurwa.
- Gusaba abanyeshuri gushushanya imitako itandukanye.
- Gusaba abanyeshuri kugaragaza imitako ikoze neza kuruta iyindi.

3.7. Imyitozo y'inyongera

- Kubumba ikintu bitekerereje no kugishyiraho imitako.

UMUTWE WA KANE: UBUBOSHYI HIFASHISHWA IBIKORESHO BIBONEKA AHO ATUYE

4

4.1. Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe

Umunyeshuri azaba ashobora kuboha ibikoresho binyuranye umunyeshuri yifashishije ubudodo, ubwatsi, ibirere, imigwegwe, n'ibindi.

4.2. Ubushobozi shingiro

Muri uyu mutwe, umwarimu agomba kuyobora abanyeshuri mu kumenya gukurikiza uburyo bukoreshwa mu kuboha ibintu binyuranye nko kubanga umupira wo gukina, agatebo gato, n'ibindi. Muri uko kuboha ibintu binyuranye bifashisha ibikoresho bitandukanye biboneka aho batuye. Abanyeshuri babasha kubona ubwiza bw'ibidukikije. Nyuma yaho hakurikiraho kubayobora mu kumurika ibyo bakoze babitangaho ibitekerezo mu bwubahane.

4.3. Ingingo nsanganyamasomo zigaragara mu mutwe

- Kubungabunga ibidukikije igihe abanyeshuri bibohera ibikoresho
- Kumenya gucunga umutungo igihe bibohera ibikoresho batagombye kubigura, abanyeshuri bagaha agaciro ibikoresho kuko bigura amafaranga bityo bikaba bidatagaguzwa uko umuntu yiboneye
- Kwita kuri buri munyeshuri cyane cyane hitabwa ku mwihariko wa buri munyeshuri

4.4. Uburyo bwo gutangira umutwe

Mu gutangira uyu mutwe w'ububoshyi, mwarimu ashobora kuzana imfashanyigisho. Ni ukuvuga ibikoresho biboshye ku buryo bworoheje bujyanye n'ibyo abana bashobora kubona, akababaza niba bazi icyo bikozemo, akababwira ko na bo bagiye kubikora. Nyuma hakabaho kungurana ibitekerezo ku kamaro k'ibikoresho biboshye, mu buzima bwa buri muni.

4.5. Urutonde rw'amasomo

	Isomo	Intego z'isomo	Umubare w'amasomo
1	Ibikoresho bikoreshwa mu kuboha.	Kumenya no kurondora ibikoresho bikoreshwa mu buboshiyi.	1t
2	Kuboha ibintu bitandukanye. Urugero : inkoko, intango, ingofero, udufuka.	• Kumenya gukoresha indodo, ubwatsi cyangwa imigozi bitandukanye aboha ibintu binyuranye • Kugerageza kwigana ibyakozwe n'abandi mu buboshiyi.t	2
3	Uburyo bwo kuboha ibikoresho binyuranye byoroheje.	• Kwihangira ibintu biboshye umunyeshuri akoresha ibikoresho biboneka aho atuye • Gufata neza ibikoresho no kubigirira isuku.	1
	Isuzuma	• Gusuzuma ko buri munyeshuri ashobora kuboha ibintu binyuranye akoresheje ibikoresho bitandukanye biboneka aho atuye.	1

Isomo rya 1: Ibikoresho biboshye bitandukanye bishingiye ku muco nyarwanda

a. Intego zihariye

Umunyeshuri azaba ashobora:

- Gukoresha indodo, imigozi cyangwa ibindi bikoresho bitandukanye biboneka aho batuye umunyeshuri akora ibintu binyuranye
- Gushima ubwiza bw'ibintu.

b. Imfashanyigisho

- Ibikoresho byo mu rugo biboshye
- Ubwatsi butandukanye (urukangaga, ubunyundo, ubusuna, ubuhivu, ishingwe, intamyi, imamfu, intaratara, imigano, iminaba, imigwegwe, urufunzo, imivumu, ibirere)
- Indodo
- Urushinge
- Uruhindu

c. Uburyo bukoreshwa

- Gukora ku giti cye
- Gukorera mu matsinda
- Kungurana ibitekerezo
- Igerageza



d. Uko isomo ritangwa


Intangiriro

- Gusaba abanyeshuri mu matsinda kungurana ibitekerezo ku buboshyi hifashishwa ibikoresho biboneka aho batuye.

Isomo nyirizina

- Gusaba abanyeshuri gutegura ibikoresho by'ububoshyi.
- Gusaba abanyeshuri mu matsinda gutangira kuboha inkoko cyangwa agatebo.
- Kwegera buri tsinda ariha ubufasha aho biri ngombwa, anarigira inama.





4.1. Kuboha agatebo gato

Isuzuma

- Gusaba abanyeshuri kumurika agatebo cyangwa inkoko baboshye
- Gusaba amatsinda y'abanyeshuri gutoranya ibiboshye neza kuruta ibindi hitawe ku ntego ngenamukoro yatanzwe
- Kwegera buri tsinda umwarimu ariha ubufasha aho biri ngombwa, anarigira inama
- Gusukura aho bakoreye, ibikoresho bakoresheje no kubibika neza.

Isomo rya 2: Ububoshyi bw'imitako bunyuranye hifashishwa ibikoresho bitandukanye

a. Intego zihariye

Umunyeshuri azaba ashobora:

- Kuvuga ibintu biboshye binyuranye, hashingiwe ku muco nyarwanda (inkoko, agaseke, inyegamo, imitako y'amabara n'ibindi)
- Kwigana ibyakozwe n'abandi mu buboshyi
- Gushima ubwiza bw'ibintu no kubagira inama.

b. Imfashanyigisho

- Ibikoresho byo murugo biboshye
- Ubwatsi butandukanye (urukangaga, ubunyundo, ubusuna, ubuhivu, ishingwe, intamyi, imamfu, intaratara, imigano, iminaba, imigwegwe, urufunzo, imivumu, ibirere)
- Indodo
- Urushinge
- Uruhindu.

c. Uburyo bukoreshe

- Gukora ku giti cyo
- Gukorera mu matsinda
- Kungurana ibitekerezo
- Igerageza

d. Uko isomo ritangwa

Intangiriro

- Gusaba abanyeshuri mu matsinda kungurana ibitekerezo ku mitako nyarwanda (imiterere n'uburyo ikorwa) mu buboshyi.

Isomo nyirizina

- Gusaba abanyeshuri gutegura ibikoresho byifashishwa mu kuboha imikeka n'inyegamo
- Gusaba abanyeshuri gutangira kuboha umukeka cyangwa inyegamo
- Gusaba abanyeshuri, mu matsinda gutera imitako bataka ku mukeka n'inyegamo bakoresheje ibikoresho biboneka aho batuye
- Gusaba abanyeshuri kuboha umukeka n'inyegamo bifashishije ibikoresho biboneka aho batuye
- Kwegera buri tsinda ariha ubufasha aho biri ngombwa, anarigira inama



4.2. Amashusho agaragaza uburyo bwo kuboha umusambi

Isuzuma

- Gusaba abanyeshuri kwerekana uburyo umusambi cyangwa inyegamo bibohwa n'uko biterwa imitako
- Gusaba abanyeshuri gutoranya imisambi cyangwa inyegamo bikoze neza kuruta ibindi
- Gushima ibikorwa by'abanyeshuri no kubagira inama aho biri ngombwa
- Gusukura aho bakoreye, ibikoresheho bakoresheje no kubibika neza.

4.6. Isuzuma risoza umutwe wa 4

- Gusaba abanyeshuri kwerekana uburyo umukeka ubohwa
- Gusaba abanyeshuri kuboha agatebo hakoreshejwe uburyo bubohwamo imikeka
- Gusaba abanyeshuri kuboha umusambi bagaragaza uburyo utangirwa ndetse nuko usozwa.

4.7. Imyitozo y'inyongera

- Kwerekana uko umukeka utangirwa kubohwa
- Gusaba abanyeshuri kuboha inyegamo.

UMUTWE WA GATANU : IBIKINISHO N'IREMEKANYA RY'IBINTU

5

5.1. Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe

Umunyeshuri azaba ashobora gukora ibikinisho by'ubwoko bunyuranye no kuremekanya ibintu bitandukanye ku buryo bibyara ikindi kintu.

5.2. Ubushobozi shingiro

Mu masomo yabonye yabanjirije uyu mutwe mu isomo ryo gushushanya n'iry'ububoshiye, umunyeshuri yize intego z'ibanze zitandukanye n'ibinyampande binyuranye, anashushanya ibintu bimwe na bimwe biboneka mu bidukikije. Umunyeshuri nanone afite ubushobozi bwo gutoranya ibikoresho biboneka aho atuye, anatozwa kubungabunga ibidukikije. Mu gukora ibikinisho no kuremekanya, umunyeshuri azifashisha ibi byavuzwe haruguru.

5.3. Ingingo nsanganyamasomo zizitabwaho

Ibikoresho umunyeshuri yifashisha muri uyu mutwe akora ibikinisho n'iremekanya, abitoranya mu bidukikije, bityo akaba asabwa kubibungabunga kuko ari byo soko y'ubuzima, kandi bikaba n'inganzo dukuramo ibikoresho twifashisha mu buzima bwacu bwa buri muni. Ikindi ni uko mu gihe umwarimu afasha abanyeshuri gukora amatsinda, azirikana ko agomba kubonekamo ibitsina byombi, bityo ihame ry'uburinganire rikaba ryubahirijwe. Indi ingingo nsanganyamasomo igaragara muri uyu mutwe, ni abafite ubumuga nabo bagomba kwitabwaho by'umwihariko n'umwarimu, abaha ikicaro, hitabwa ku mwihariko wa buri wese.

5.4. Uburyo bwo gutangira umutwe

Kwereka abanyeshuri ibikinisho bitandukanye no kubasaba kubyunguranaho ibitekerezo hashingiwe ku ntego zabyo zitandukanye ndetse n'ibikoresho byifashishijwe mu gukora ibyo bikinisho

Kwereka abanyeshuri amashusho atandukanye arimo n'aremekanyije, no gusaba abanyeshuri kuyatandukanya batanga ibitekerezo ku miterere y'ibikoresho byifashishijwe hakorwa ayo mashusho

5.5. Urutonde rw'amasomo

	Isomo	Intego z'isomo	Umubare w'amasomo
1	Iremekanya ry'ibintu binyuranye hakorwa amashusho atandukanye	- Gukora iremekanya ry'ibintu yigana amashusho anyuranye - Kuvuga uburyo bukoreshwa mu guteranya ibintu bidafite akamaro - Kunoza ibintu no gushima ubwiza bwabyo.	1
2	Gukora ibikinisho bifitanye isano n'ibidukikije	- Guteranya ibikoresho bitandukanye akora ibintu binyuranye - Kwerekana ibikinisho n'iremekanya akoresha uburyo butandukanye - Gukunda no gufata neza ibidukikije.	2
	Isuzuma	Gusuzuma niba buri munyeshuri ashobora gukora ibikinisho by'ubwoko butandukanye no kuremekanya ibintu ku buryo bibyara ikindi kintu.	1

Isomo rya 1: Iremekanya ry'ibintu binyuranye hakorwa amashusho

a. Intego zihariye

- Gukora iremekanya ry'ibintu yigana amashusho anyuranye yakozwe n'abandi
- Kuvuga uburyo bukoreshwa mu guteranya ibintu bidafite akamaro n'ibindi bikurwamo ibikinisho cyangwa amashusho aremekanyije
- Kunoza ibintu no gushima ubwiza bw'ibyakozwe.

b. Imfashanyigisho

- Inyoborabarezi
- Impapuro
- Ikaramu y'igiti
- Amashusho
- Ibikoresho biboneka mu bidukikije
- Ibikoresho bikata
- Ubujeni

c. Uko isomo ritangwa

Intangiriro

- Gusaba abanyeshuri mu matsinda kungurana ibitekerezo ku bikoresho byifashishwa mu iremekanya ry'amashusho
- Gusaba abanyeshuri kugaragaza ahandi hantu baba bazi haboneka amashusho aremekanyije

Isomo nyirizina

- Gusaba abanyeshuri gutegura ibikoresho byifashishwa mu iremekanya ry'amashusho
- Gusaba abanyeshuri gushushanya aho bari bwomeke
- Gusaba abanyeshuri komeka aho bashushanyije
- Kwegera buri tsinda umwarimu ariha ubufasha aho biri ngombwa, anarigira inama.



5.1. Ishusho y'igiti iremekanije



5.2. Ishusho y'ikinyugunyugu iremekanije

Isuzuma

- Gusaba abanyeshuri mu matsinda kumurika amashusho bakoze
- Gusaba amatsinda y'abanyeshuri gutoranya amashusho akoze neza kurusha ayandi
- Gushima ibikorwa by'abanyeshuri
- Gusukura aho bakoreye, ibikoresho bakoresheje no kubibika neza.

Isomo rya 2: Gukora ibikinisho biftanye isano n'ibidukikije

c. Intego zihariye

- Kuvuga uburyo bukoreshwa mu guteranya ibintu bidafite akamaro n'ibindi bikurwamo ibikinisho
- Gukora ibikinisho bitandukanye umunyeshuri yifashisha ibikoresho biboneka aho atuye
- Gukunda no gufata neza ibidukikije.

c. Imfashanyigisho

- Inyoborabarezi, ibikinisho, ibikoresho biboneka mu bidukikije, ibikoresho byifashishwa mu gukata.


d. Uko isomo ritangwa

Intangiriro

- Kwereka abanyeshuri ibikinisho bikoze mu buryo butandukanye, hakoreshejwe ibikoresho binyuranye no kubasaba kubyunguranaho ibitekerezo.

Isomo nyirizina

- Gusaba abanyeshuri gutegeye ibikoresho biboneka mu bidukikije byifashishwa mu gukora ibikinisho bitandukanye.
- Gusaba abanyeshuri kubanga imipira bifashishije ibikoresho biboneka aho batuye.
- Gusaba abanyeshuri gukore ibikinisho bitandukanye biftanye isano n'ibidukikije (nk'akanyamaswa n'ibindi)
- Kwegera buri tsinda umwarimu ariha ubufasha aho biri ngombwa, anarigira inama.



5.3. Imipira ibanze



5.4. Igikinisho gifitanye isano n'inyamaswa

Isuzuma

- Gusaba abanyeshuri mu matsinda kungurana ibitekerezo ku mashusho bakoze
- Gusaba amatsinda y'abanyeshuri gutoranya amashusho akoze neza kurusha ayandi.
- Gushima ibikorwa by'abanyeshuri
- Gusukura aho bakoreye, ibikoresho bakoresheje no kubibika neza.

5.6. Isuzuma risoza umutwe wa 5:

Gusaba abanyeshuri gukora ishusho y'urukwavu bakoresheje uburyo bw'iremekanya.

5.7. Imyitozo y'inyongera

ba abanyeshuri gukoresha uburyo bw'iremekanya bakora imodoka

Gusaba abanyeshuri gukoresha uburyo bw'iremekanya bakora utunyamaswa

UMUTWE WA GATANDATU: GUFUMA GUFUMA IMITAKO KU MYENDA

6

6.1. Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe

Umunyeshuri zaba ashobora gufuma no gutaka ishusho ku myenda.

6.2. Ubushobozi shingiro

Muri uyu mutwe hari byinshi twafataho ingero tubikomora mu mitwe yawubanjirije cyane cyane nko muwo gushushanya no gusiga amabara ibitayega n'ibidukikije. Mu gufuma imitako ku myenda umunyeshuri azifashisha uburyo bwo kubanza gushushanya imideli itandukanye ku bitambaro. Nanone mu bijyanye no gutoranya amabara umunyeshuri agera ku gufashisha amabara yagiye abona mu isomo ryo gusiga amabara.

6.3. Ingingo nsanganyamasomo zizitabwaho

Muri uyu mutwe hazitabwaho abafite ubumuga bwo kutumva no kutavuga bahabwe ikicarimo imbere hafi ya mwarimu kugira ngo ashobore kubakurikirana by'umwihariko abasobanurira akoresheje amarenga n'amashusho. Ikindi nuko mu gufasha abanyeshuri gukora amatsinda, umwarimu azazirikana ko ayo matsinda agomba kubonekamo ibitsina byombi, bityo ihame ry'uburinganire rikaba ryubahirijwe.

6.4. Uburyo bwo gutangira umutwe

- Kwereka abanyeshuri ibitambaro bifumye bitegurwa mu cyumba cy'uruganiriro no kubasaba kubyunguranaho ibitekerezo hashingiwe ku ntego, imiterere n'amabara y'imitako bifite.
- Gusaba abanyeshuri gutegura ibikoreshe no gutangira gufuma imideli itandukanye hifashishijwe amashusho yo mu bidukikije.

6.5. Urutonde rw'amasomo

	Isomo	Intego z'isomo	Umubare w'amasomo
1	Uburyo bukoreshwa mu gufuma imideli itandukanye	• Guhitamo ibikoresho bitandukanye bikoreshwa mu gufuma imyenda • Gukora imitako inyuranye yoroheje ikoreshwa mu gufuma no gutaka • Gufata neza ibikoresho no kubigirira isuku	1
2	Uburyo bwo gutera igifungo no gukora intoboro yacyo	• Gushobora gukora intoboro y'igifungo • Gushobora gutera igifungo • Gufata neza ibikoresho no kubigirira isuku.	1
3	Uburyo bwo gufuma hifashishijwe amashusho yo mu bidukikije	• Guhitamo ibikoresho bitandukanye bikoreshwa mu gufuma imyenda • Guhanga indi mitako umunyeshuri ashingiye ku bidukikije • Gushima ubwiza bw'imitako itandukanye mu buzima busanzwe.	1
	Isuzuma	• Gusuzuma ko buri munyeshuri ashobora gufuma ishusho cyangwa imitako inyuranye ku myenda.	1

Isomo rya 1: Uburyo bukoreshwa mu gufuma imideli itandukanye

a. Intego zihariye

- Guhitamo ibikoresho bitandukanye bikoreshwa mu gufuma imyenda
- Gukora imitako inyuranye yoroheje ikoreshewa mu gufuma no gutaka
- Gufata neza ibikoresho no kubigirira isuku

b. Imfashanyigisho

- Ikaramu y'igiti, ibitambaro bifumye, indodo z'amabara atandukanye, impapuro, udutambaro duto, urushinge.


c. Uko isomo ritangwa

Intangiriro


- Gusaba abanyeshuri kwitegereza no kungurana ibitekerezo ku bitambaro bifumye beretswe
- Gusaba abanyeshuri kurondora ibikoresho babona iwabo mu ngo biriho imitako ifumye

Isomo nyirizina

- Gusaba abanyeshuri gutegura amashusho ku dutambaro bashushanya
- Gusaba abanyeshuri gutangira gufuma amashusho anyuranye hakoreshejwe amabara atandukanye n'umushono basabwwe cyangwa bihitiyemo
- Kwegera buri tsinda umwarimu ariha ubufasha aho biri ngombwa, anarigira inama



6.1. Ishusho y'umushono w'agasaraba



6.2. Umushono wo gutera igifungo

Isuzuma

- Gusaba abanyeshuri mu matsinda kumurika udutambaro bafumye no kudutangaho ibitekerezo
- Gusaba amatsinda y'abanyeshuri gutoranya udutambaro dufumye neza kurusha utundi
- Gushima ibikorwa by'abanyeshuri no kubagira inama ku bitakozwe neza
- Gusukura aho bakoreye, ibikoresho bakoresheje no kubibika neza.

Isomo rya 2: Uburyo bwo gutera igifungo no gukora intoboro yacyo

a. Intego zihariye

- Kuvuga uburyo butandukanye bwo gufuma no gutaka
- Gukora imitako inyuranye yoroheje ikoreshwa mu gufuma no gutaka
- Gufata neza ibikoresho no kubigirira isuku

b. Imfashanyigisho

- Ikaramu y'igiti,
- Indodo,
- Udutambaro duto,
- Urushinge,
- Ibikoresho bikata


c. Uko isomo ritangwa

Intangiriro

- Gusaba kugaragaza ahantu bazi hakoreshwa ibifungo
- Gusaba abanyeshuri gutegura ibikoresho bashyira urudodo mu rushing.

Isomo nyirizina


- Guha abanyeshuri amabwiriza y' uko batera igifungo
- Gusaba abanyeshuri kwifashisha urudodo n'urushinge batera igifungo bakurikiza amabwiriza y'umwarimu
- Kwegera buri tsinda umwarimu arigira inama anarifasha aho biri ngombwa
- Kwereka abanyeshuri uko bakora n' uko bafuma intobora y' igifungo
- Gukora intoboro y' igifungo no kuyifuma.



6.3. Ishusho igaragaza uburyo bwo gufuma intoboro y'igifungo no kugitera



6.4. Ishusho igaragaza uburyo bwo gufuma intoboro y'igifungo no kugitera



6.4. Amashusho agaragaza intoboro y'igifungo irangiye

Isuzuma

- Gusaba abanyeshuri mu matsinda kumurika udutambaro bateyeho igifungo banakozeho intoboro yacyo
- Gusaba abanyeshuri mu matsinda gutoranya udutambaro duteyeho ibifungo tunakozweho intoboro neza
- Gushima ibikorwa by'abanyeshuri no kubagira inama aho batashoboye gukora neza
- Gusukura aho bakoreye, ibikoresho bakoresheje no kubibika neza

Isomo rya 3: Uburyo bwo gufuma hifashishijwe amashusho yo mu bidukikije

a. Intego zihariye

- Guhitamo ibikoresho bitandukanye bikoreshewa mu gufuma imyenda
- Guhanga indi mitako umunyeshuri ashingiye ku bidukikije
- Gushima ubwiza bw'imitako itandukanye mu buzima busanzwe

b. Imfashanyigisho

- Ikaramu y'igiti,
- Impapuro,
- Indodo z'amabara,
- Udutambaro duto,
- Inshinge zitandukanye,
- Ibikoresho bikata.


c. Uko isomo ritangwa

Intangiriro

- Kubaza abanyeshuri ibintu bazi bibonekaho imitako ifumye.

Isomo nyirizina

- Gusaba abanyeshuri gutegura ibikoresho byifashishwa mu gufuma
- Gusaba abanyeshuri gushyira urudodo mu rushinge
- Gusaba abanyeshuri gushushanya ururabo ku gitambaro bagiye gufuma
- Gusaba abanyeshuri gufuma amashusho ku dutambaro bakoreshe imishono basabwe cyangwa bihitiyemo
- Kwegera buri tsinda umwarimu arigira inama



6.5. Ishusho igaragaza uburyo bwo gufuma ururabo ku gitambaro



6.6. Ishusho igaragaza uburyo bwo gufuma ururabo ku gatambaro

Isuzuma

- Gusaba abanyeshuri mu matsinda kumurika udutambaro bateyeho igifungo banakozeho intoboro yacyo
- Gusaba abanyeshuri mu matsinda gutoranya udutambaro duteyeho ibifungo tunakozweho intoboro neza
- Gushima ibikorwa by'abanyeshuri no kubagira inama aho batashoboye gukora neza.
- Gusaba abanyeshuri gutunganya ibikoresho no kubibika neza

6.6. Isuzuma risoza umutwe wa 6

- Gusaba abanyeshuri gushushanya no gufuma ingoma
- Gusaba abanyeshuri gushushanya no gufuma ikibabi
- Gusaba abanyeshuri gushushanya no gufuma igiti

6.7. Imyitozo y'inyongera

- Gusaba abanyeshuri gushushanya no gufuma ibyo mwarimu amusabye cyangwa ibyo yitekerereje.

IBITABO BYIFASHISHIJE

1. Mock, R. (1955). Principles of Art Teaching; 1st Edition, University of London Press, England.
2. Elizabeth K. E. (2010). Distinction, Creative Arts, year 2, Kenya Literature Bureau, Nairobi.
3. Elizabeth K. E. (2010). Distinction, Creative Arts, year1, Kenya Literature Bureau, Nairobi.
4. Obonyo O. D., Elizabeth C. (2008). Art and Design forms one and two, East African Educational Publishers.
5. Richard H., Art & Design, French's road, Cambridge CB43NP, Pearson Publishing.
6. Baker A. (2010). Fundamentals Graphic Art, Trinity Books Ltd, Uganda.
7. Minisiteri y'Uburezi, Ikigo Gishinzwe Integanyanyigisho (2015). Integanyanyigisho y'ubugeni mberajisho mu kicio cya mbere cy'amashuri abanza. Kigali.

Iki ni igitabo cyunganira umwarimu wigisha isomo ry'ubugeni. Kigizwe n'imitwe itandatu, intego za buri somo, ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe kuri buri somo, n'urugero rw'imbata y'isomo. Harimo kandi imyitozo, isuzuma kuri buri mpera y'isomo n'imyitozo y'inyongera, byose bigamije kuzamura ubumenyi, ubumenyingingiro n'ubukeshya by'umunyeshuri w'umwaka wa gatatu. Si ihame gukoresha ibikoresho byakoreshejwe muri iyi nyoborabarezi gusa, umwarimu ashobora kwifashisha ibindi bikoresho biboneka aho atuye, ikigamijwe ni ukubakamo umunyeshuri ubushobozi mu byerekeye ubugeni.

Imitwe igize iki gitabo ni iyi ikurikira :

- **Umutwe wa mbere:** Gushushanya no gusiga amabara ibitayega n'ibidukikije
- **Umutwe wa kabiri:** Gutera mashusho ku bintu akoresha ibikoresho binyuranye.
Umutwe wa gatatu: Amashusho mu mubyimba ufatika
- **Umutwe wa kane:** Ububoshya hifashishwa ibikoresho biboneka aho atuye
- **Umutwe wa gatanu:** Ibikinisho n' iremekanya ry'ibintu binyuranye mo ibindi bintu
- **Umutwe wa gatandatu:** Gufuma imitako ku imyenda

